Uzaba afite ubushobozi bwo kurongora azabikore, bimufasha kurinda indoro ye n'ubwambure bwe, ariko uzaba atabishoboye, ajye asiba kuko bimurinda kugwa muri icyo cyaha

Hadithi yaturutse kwa Abdullah Ibun Mas'ud (Imana imwishimire) yaravuze ati: Twari kumwe n'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) maze iravuga iti: "Uzaba afite ubushobozi bwo kurongora azabikore, bimufasha kurinda indoro ye n'ubwambure bwe, ariko uzaba atabishoboye, ajye asiba kuko bimurinda kugwa muri icyo cyaha.
[Hadithi y'impamo] [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yashishikarije ushoboye kurongora no kuzuza inshingano kubikora, kugira ngo birinde indoro ye n'ubwambure bwe kureba no gukora ibyaziririjwe. Ariko utazagira ubwo bushobozi, ashoboye kurongora ajye asiba kugira ngo bice intege irari rye.

http://www.sunnah.global/hadeeth/rw/show/5863